REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°21/2018: **Taliki ya 1–31 Nyakanga 2018**

Ryoherejwe kuwa 2 Kanama 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Nyakanga 2018; cyagaragaje imvura iri mu kigero cy'isanzwe iboneka henshi mu gihugu naho mu gihugu hagati; mu duce tw'Uburasirazuba ndetse n'uburengerazuba bw'Amajyepfo haboneka imvura nke ugereranyije n'isanzwe iboneka
- **Amashusho y'icyogajuru yerekana ubwiyongere mu buhehere bw'ubutaka** kubera imvura duherutse kubona mu minsi yanyuma y'igice cya gatatu ari nacyo cya nyuma cy'ukwezi kwa Nyakanga_2018 ugereranyije n'ibindi bice bibiri byabanje
- **Ukwezi kwa Kanama 2018;** hateganyijwe ibihe by'imvura izaba nyinshi ugereranyije n'iyabonetse muri Nyakanga_2018

I. Iriburiro

Mu kwezi kwa Nyakanga 2018; hagaragaye imvura iri mu kigero cy'isanzwe iboneka henshi mu gihugu naho mu gihugu hagati; mu duce tw'Uburasirazuba (Ngoma habonetse imvura itagera kuri mm1) ndetse n'uburengerazuba bw'Amajyepfo haboneka imvura nke ugereranyije n'isanzwe iboneka

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu Nyakanga_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro:

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Nyakanga_2018	Nyakanga
Kigali	2.2	12.1
Rusizi (Kamembe)	5.9	10.6
Rubavu (Gisenyi)	26.1	22.9
Nyamagabe (Gikongoro)	6.7	11.1
Ngoma (Kibungo)	0.0	5.4
Gicumbi (Byumba)	20.9	9.0
Busogo	4.7	29.6
Bugarama	1.2	10.2
Musanze (Ruhengeri)	14.5	17.2
Gitega	1.5	2.0
Rubengera	10.4	11.5
Byimana	15.4	12.4
Kawangire	1.0	9.8
Nyagatare	8.6	3.2

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Nyakanga_2018; imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye muri Kamena_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Nyakanga_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Nyakanga



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Kamena_2018



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Kamena



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Nyakanga_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Nyakanga 2018; hagaragaye imvura iri mu kigero cy'isanzwe iboneka henshi mu gihugu naho mu gihugu hagati; mu duce tw'Uburasirazuba (Ngoma habonetse imvura itagera kuri mm1) ndetse n'uburengerazuba bw'Amajyepfo haboneka imvura nke ugereranyije n'isanzwe iboneka (reba **Ikarita1&2** n'**Imbonerahamwe1**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Kamena 2018; cyagaragaje imvura yari ku gipimo gisanzwe kugeza hejuru kuri buri bupimiro; inaba nyinshi cyane mu majyaruguru y'Uburengerazuba (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Nyakanga 2018 igice cya mbere Ikarita6: Nyakanga 2018 igice cya kabiri Ikarita7: Nyakanga 2018 igice cya gatatu

Muri Nyakanga_2018; amashusho y'icyogajuru yerekana ubutaka bidafite amazi mu bice bibiri bya mbere ndetse n'ubwiyongere mu buhehere bw'ubutaka kubera imvura duherutse kubona mu minsi yanyuma y'igice cya gatatu ari nacyo cya nyuma cy'ukwezi kwa Nyakanga_2018 ugereranyije n'ibindi bice bibiri byabanje (**Ikarita 5, 6&7)**

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Kanama 2018

Mu kwezi kwa Kanama_2018 hateganyijwe:

- Mu Mujyi wa Kigali: imvura nke (hagati ya mm 05-50) izaboneka cyane mu gice cya mbere
- Intara y'Uburasirazuba: imvura nke (hagati ya mm >01-50) izaboneka cyane mu gice cya mbere
- Intara y'Amajyepfo: imvura iringaniye (hagati ya mm 10-50) izaboneka cyane mu gice cya mbere
- Intara y'Uburengerazuba: imvura iringaniye (hagati ya mm 25-75) mu kwezi kwose
- Intara y'Amajyaruguru: imvura iringaniye (hagati ya mm 25-75) mu kwezi kwose

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe muri Kanama_2018



Ikarita8: umunsi wa 1 kugeza kuwa 30 Kanama

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)